# REPUBLIC OF RWANDA

**NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**
**ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**
**UBUSHINJACYAHA BUKURU**
**P.O. Box : 1328 KIGALI-RWANDA**
**E-mail :** info@nppa.gov.rw **Website :** www.nppa.gov.rw


## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubushinjacyaha Bukuru buramenyesha abanyarwanda bose babyifuza kandi bujuje ibyangombwa bisabwa, ko bushaka gutanga akazi ku mwanya ukurikira:

- Umushinjacyaha ugengwa n'amasezerano y'umurimo, ku Rwego rw'Ibanze,

Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku ngingo ya 2 y'Itegeko n°12/2016 ryo ku wa 02/05/2016 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°44bis/2011 ryo ku wa 26/11/2011, rigena Sitati y'Abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru, nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, buramenyesha abifuza gupiganira uwo mwanya ko bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;

2. Kuba afite impamyabumenyi mu by'amategeko ''bachelor's degree in law'';

3. Kuba ari inyangamugayo;

4. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze bitewe n'uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarahagaritswe ku murimo by'igihe gito cyangwa se atarawugarutseho igihe yari abisabwe;

5. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;

6. Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze cyangwa kingana n'amezi atandatu (6).

7. Kuba afite icyemezo cy'uko yatsinze inyigisho mu ishuri ryemewe na Leta ryigisha umwuga mu by'amategeko;

8. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.

**Dosiye z'abakandida kuri uwo mwanya zigomba kuba zigizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

2. Umwirondoro w'usaba akazi;

3. Kopi y'impamyabumenyi;

4. Kopi y'indangamuntu;

**Uburyo bwo kohereza dosiye isaba akazi:**

1. Buri dosiye yuzuye yoherezwa kuri email nppa.recruitment@nppa.gov.rw;

2. Dosiye yoherezwa inshuro imwe ikubiyemo inyandiko zose zisabwa, kandi ziri muri pdf;

3. Kwakira dosiye bizakorwa kugeza kuwa Gatatu tariki ya 29/10/2025 saa kumi n'imwe za nimugoroba.

Bikorewe i Kigali none kuwa 20/10/2025

**HABYARIMANA Angélique**
**Umushinjacyaha Mukuru**